## IKICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

# UBUTUMWA BWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANAGA W'AMAHORO, WIZIHIZWA KU NSHURO YA 58

**Tariki ya 01 MUTARAMA 2025**

***UTUBABARIRE IBYAHA BYACU, MAZE UDUHE AMAHORO YAWE***

## *I. Twumve imiborogo y'abantu bari mu kaga*

**1.** Mu gihe twitegura uyu mwaka mushya Data wo mu ijuru aduhaye, igihe cya Yubile y'amizero, ndifuriza buri wese amahoro, cyane cyane abumva baremerewe n'imibereho, bumva ko bari mu gihano kubera amakosa yabo, bumva ko abandi bahora babacira urubanza, kandi bakaba batakibona uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kubaho. Mwese nimugire amizero n'amahoro, kubera ko uyu mwaka ari umwaka w'agakiza gaturuka ku Mutima waducunguye wa Yezu Kristu!

**2.** Mu mwaka wa 2025, Kiliziya Gatolika izahimbaza Yubile, izuzuza amizero mu mitima y'abantu. Yubile ifite igisobanuro cyane mu mateka y'Abayahudi, aho ijwi ry'ihembe ry'isekurume (mu giheburey bikavuga Yobeli) ryamenyeshaga buri myaka mirongo ine n'icyenda, umwaka w'impuhwe no kwibohora k'umuryango w'Imana (Lv 25, 10). Ubu butumwa budasanzwe bwagombaga kuba ubutumwa bw'abantu bose ku isi (Lv 25, 9), kugira ngo himakazwe amahoro y'Imana mu nzego zitandukanye z'ubuzima aha twavuga nk'imikoreshereze y'ubutaka, imicungire y'ibintu cyangwa umutungo, imibanire myiza n'abandi cyane cyane abakene n'abatagira kivurira. Ijwi ry'ihembe rero ryibutsaga umuryango w'Imana, abakire kimwe n'abakene, ko nta muntu waremewe guhonyorwa: twese turi abavandimwe, abana b'Umubyeyi umwe, bavukiye kubaho mu bwisanzure busesuye nk'uko Imana ibishaka (Lv 25, 17.25.43.46.55).

**3.** Muri iki gihe nanone, Yubile ni igihe cyo gushakisha hano ku isi ubutabera bubohora buturuka ku Mana. Muri iyi ntangiriro y'umwaka w'ingabire z'Imana, turashaka kumva « *ijwi ry'ababuze amizero badutabaza*» aho kumva rya hembe twavugaga. Abo bantu bari ahantu henshi ku isi kandi Imana ntihwema kubumva nk'uko yumvise ijwi ry'amaraso ya Abeli intungane (Intg 4, 10). Twigarutseho nanone, turahamagarirwa kuba ijwi mu bibazo bitandukanye bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka ndetse no gutsikamira bagenzi bacu. Ako karengane akenshi kafashe intera, Mutagatifu Papa Yohani Pawulo wa II yise "icyaha cy'imiryango", kuko usanga kadashingiye gusa ku cyaha cy'abantu bamwe na bamwe ahubwo cyashinze imizi mu bufatanye bw'abantu bafashe icyaha bikakigira umuco.

**4**. Buri wese niyumve ko afite uruhare mu iyangirika ry'isi dutuye (inzu yacu rusange), igihe cyose ibikorwa byacu, kabone n'iyo byaba mu buryo buziguye, bitiza umurindi inzangano n'amakimbirane hagati y'abantu. Ni muri ubwo buryo ibibazo by'insobe, bitandukanye ariko bisobekeranye, bihemberwa bikaba byangiza isi yacu.

Aha ndatekereza ubusumbane bw'ingeri nyinshi, uburyo abimukira bafatwa nabi nk'aho atari abantu, iyangirika ry'ibidukikije, urujijo ruturuka ku makuru y'ibinyoma akwirakwizwa, kwigizayo ibiganiro ahubwo hagatangwa inkunga mu nganda zikora intwaro za gisirikare. Haracyariho ibintu byinshi bibangamiye inyokomuntu. Muri iyi ntangiriro y'umwaka, turagira ngo twumve umubabaro w'abantu twese hamwe na buri wese ku giti cye, turwanye akarengane kandi dutangaze ubutabera buturuka ku Mana. Ibikorwa by'ubugiraneza ntabwo bihagije. Impinduka mu mitegekere ndetse no mu mico y'abantu zirakenewe kugira ngo ubuzima bw'abantu buhinduke mu buryo burambye.

## II. *Guhindura ibitameze neza mu mico, twese biratureba*

**5.** Igihe cya Yubile kidusaba guhinduka kugira ngo duhangane n'ubusumbane n'akarengane mu bantu, twibukiranya ko ibyiza by'isi bitagenewe abantu bake batuye isi ahubwo ko bigenewe abantu bose. Ni ngombwa kwibutsa ibyo Mutagatifu Bazili wa Sezare yandikaga agira ati: « Ni iki wambwira ko utunze kiri icyawe? Ni he wakuye ikintu kugira ngo ukizane mu buzima bwawe? […]. Ese ntabwo wavuye mu nda ya Mama wawe wambaye ubusa? Ese na none ntuzasubira mu nda y'isi wambaye ubusa? Ibyo utunze ubu wabikuye he? Niba wumva byarapfuye kubaho gutyo gusa, uri umurwanya-Mana kuko wirengagiza Umuremyi kandi

ukaba utanamushima ku byo yaguhaye». Iyo gushima bivuyeho, umuntu ntaba agiha agaciro impano z'Imana. Ariko mu mbabazi zayo zitagira urugero, Imana ntijya yirengagiza abanyabyaha, ahubwo yongera gushimangira impano y'ubuzima binyuze mu mbabazi z'umukiro wayo zahawe bose binyuze muri Yezu Kristu. Niyo mpamvu iyo atwigisha isengesho rya "*Dawe uri mu ijuru*", Yezu aturarikira kuvuga ngo: «*Utubabarire ibyaha byacu* » (Mt 6, 12).

**6.** Iyo umuntu yirengagije isano iri hagati ye n'Imana Data, aba yumva ko imibanire ye n'abandi igengwa no kubapyinagaza, aho abakire bahora bakandagira abakene. Nk'uko mu bihe bya Yezu abakire b'imbonera bagenderaga ku bubabare bw'abakene, na n'ubu mu bice bitandukanye by'isi, iyo hatabayeho gufatanya, usanga hariho akarengane gakabije na ruswa, bikomeza kubera umutego ibihugu bikennye. Ibihugu bikennye bifitiye ibikize imyenda bikomeza kuba "mu mpagarara ziterwa n'iyo myenda nyine" ibi bikagera ku bihugu byinshi cyane cyane ibihugu byo mu Majyepfo y'isi.

**7.** Ntabwo nzacika intege mu guhora mvuga ko imyenda ihabwa ibihugu bikennye itangwa n'ibigo byigenga mu bihugu bikize ikomeje gutuma zimwe muri za Leta zibigira igikangisho cyo gukomeza gukoresha abantu mu nyungu zabo no gusahura umutungo kamere w'ibihugu bikennye kurusha ibindi ku isi kugira ngo bahaze amasoko yabo. Kuri ibyo, hiyongeraho ko abaturage bazahajwe n'imyenda mpuzamahanga bibona bagomba no kwikorera umutwaro ujyanye n'ihindagurika ry'ikirere riterwa n'ibihugu bikize. Imyenda ijyanye n'imihindagurikire y'ikirere n'imyenda ibihugu bikennye bifitiye ibihugu bikize byose birajyana, aho usanga uko guhozwa mu buretwa biganisha ku kuganzwa na ya myenda twavugaga. Ngendeye kuri uyu mwaka wa Yubile rero, ndasaba Umuryango Mpuzamahanga gusonera imyenda y'ibihugu, twumva ko hariho umwenda ujyanye n'ihumana ry'ikirere hagati y'ibihugu bikize n'ibikennye. Ibi birasaba ubufatanye ariko nanone hakabaho ubutabera.

**8.** Guhindura imico ijyanye n'ubusumbane bizashoboka nitwemera ko twese dufite Umubyeyi umwe, tukumva ko twese turi abanyabyaha imbere ye kandi ko twese dusangiye ibibazo n'inshingano. Ibyo bizaduha kuzirikana nta shiti ko twese turi magirirane, kandi ko buri wese afite icyo agomba undi.

## III. *Inzira y'amizero: Ibintu bitatu bishoboka*

**9.** Niba umutima wacu wumva ko ukozweho n'izo mpinduka za ngombwa, umwaka w'ingabire uzongera udufungurire inzira y'amizero hagati yacu. Amizero aturuka ku mpuhwe z'Imana zitagira umupaka. Imana idafitiye umwenda umuntu n'umwe, ikomeza guha abantu bose ingabire n'imbabazi zayo. Izaki w'i Ninive, Ikirangirire mu nyigisho za Kiliziya y'Iburasirazuba wo mu kinyejana cya VII aragira ati: « Urukundo rwawe rusumbye ibyaha byanjye. Imihengeri yo mu nyanja ni mike ugereranyije n'umubare w'ibyaha byanjye ariko ibyaha byanjye nabishyira ku munzani, ugereranyije n'urukundo rwawe, byose bigahinduka ubusa». Imana ntibara ibibi umuntu akora ahubwo, […] "Imana ni Nyir'impuhwe zihebuje; kubera urukundo rwinshi yadukunze" (Ef 2, 4). Na none kandi, Imana yumva imiborogo y'abakene ndetse n'iy'isi yose. Ni ngombwa guhagarara gato, mu ntangiriro z'umwaka, kugira ngo dutekereze ku mbabazi Imana iduha ku bw'ingabire zayo kugira ngo imitima yacu isendere amizero n'amahoro.

**10.** Niyo mpamvu mu isengesho rya *Dawe uri mu ijuru*, Yezu asaba ikintu gikomeye nyuma yo gusaba Imana kutubabarira ibyaha (Mt 6, 12), agira ati: « *nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho*». Kugira ngo tubabarire abandi icyaha badukoreye kandi ngo tubahe amizero, ni ngombwa ko ubuzima bwacu ubwabwo bubanza gusendera ayo mizero n'impuhwe z'Imana. Amizero aba igisagirane mu kugira ubuntu busendereye kandi buzira imibare igamije inyungu; ntiyishyuza ibya mirenge, ntaharanira amaronko, ahubwo aba agamije ikintu kimwe: guhagurutsa abaguye, komora abafite imitima ikomeretse no kubakura mu bucakara ubwo ari bwo bwose.

**11.** Ndashaka rero, mu ntangiriro y'uyu mwaka w'ingabire z'Imana, kubasaba ibintu bitatu bishobora kugarurira abantu icyubahiro cy'ubuzima no kubasubiza mu nzira y'amizero kugira ngo imyenda yabo bakomeze kuyihanganira kandi bumve ko ibyaha byabo bibabariwe. Mbere na mbere nagira ngo nsubiremo amagambo ya Mutagatifu Papa Yohani Pawulo wa II yavuze muri Yubile ya 2000, kugira ngo dutekereze ku « **kugabanya mu buryo bugaragara cyangwa bwa burundu imyenda mpuzamahanga iremereye ibihugu byinshi**». Mu kwemera umwenda ushingiye ku mihindagurikire y'ikirere, ibihugu bikize birasabwa gusonera ibihugu bikennye imyenda bitagishoboye kwishyura. Ariko ibi ntibigomba kuba igikorwa kiri cyonyine kizatuma abantu baguma mu ruziga rw'imyenda ahubwo hagomba kubaho

ubufatanye mpuzamahanga butuma abantu bo ku isi babaho mu buryo bwiza kandi bubabereye.

Ndasaba na none ko **abantu bakomeza gushyira imbaraga mu bikorwa biteza imbere kandi byubahiriza agaciro ka muntu kuva asamwe kugeza igihe Imana yisubirije ubuzima bwe kugira ngo buri wese akunde ubuzima bwe, ahitemo ejo hazaza afite amizero, ashakisha iterambere n'ibyishimo kuri we no ku rubyaro rwe**. Koko rero, igihe nta mizero y'ubuzima ahari, biragoye ko abato nabo bagira umutima wo kuzabyara. Mu buryo bwihariye, nagira ngo mbasabe ikintu gifatika gifasha guteza imbere umuco wo gutanga ubuzima. **Aha ndashaka kuvuga ko hakwiye kuvaho igihano cy'urupfu mu bihugu byose byo ku isi**. Muri make, igihano cy'urupfu gihabanye n'uburenganzira bwo kubaho bwatanzwe n'Imana ariko na none gikuraho amizero ya muntu yo kugira uruhare ku mbabazi no kwivugurura.

Nagira ngo mbwire abakiri bato, ngendeye cyane kuri Mutagatifu Pawulo wa VI na Benedigito wa XVI, muri ibi bihe birimo intambara nyinshi. **Reka dukoreshe ijanisha rito ry'amafaranga ashyirwa mu kugura intwaro maze dushyireho ikigega mpuzamahanga kugira ngo inzara iranduke burundu kandi abantu bige neza cyane mu bihugu bikennye, maze habeho iterambere rirambye harwanywa ihindagurika ry'ikirere.** Tugomba kugerageza gukuraho urwitwazo rutuma ejo hazaza ku bato hagaragara nk'aho nta mizero bahafitemo, cyangwa bakumva bahorera amaraso y'abavandimwe babo. Ahazaza ni impano ituma abantu barenga amakosa ya kera, kugira ngo hubakwe inzira nshya z'amahoro.

## IV. Intego z'amahoro

**12.** Abazatangira inzira y'amizero bifashishije bimwe mu bikorwa twagaragaje, bazabona amahoro aza abasanga: ni yo nyota twese dufite. Umuririmbyi wa Zaburi abivuga muri aya magambo: «*Impuhwe n'ubudahemuka byarahuriranye, ubutabera n'amahoro birahoberana*" (Zab 86 (85), 11). Iyo niyambuye intwaro y'umwenda maze ngafungurira umuvandimwe wanjye inzira y'amizero, bituma ngira uruhare ku butabera bw'Imana kuri iyi si nuko nkagendana n'uwo muntu ngana amahoro. Nk'uko Mutagatifu Yohani wa XXIII yabivugaga, amahoro nyakuri azaturuka gusa ku mutima wiyambuye umubabaro n'ubwoba bw'intambara.

**13.** Umwaka wa 2025 uzatubere umwaka w'amahoro! Ayo mahoro ya nyayo kandi arambye ntahagararira gusa ku guhagarika amakimbirane aturuka ku masezerano cyangwa ku byemezo

abantu bumvikanyeho. Dushakashake amahoro ya nyayo, ayo Imana iha umutima wiyoroheje: Umutima utareba ibyanjye cyangwa ibyawe; umutima wiyambura ubwikunde ahubwo ukarwanira kujya guhura n'abandi; umutima wumva ko ari umunyabyaha kandi ufite icyo ugomba Imana kandi witeguye gusonera abandi imyenda yari ibaremereye; umutima wihanganira ibiwugora mu buzima bw'ejo hazaza binyuze mu mizero ko buri wese ari we mukiro w'isi.

**14.** Ubwiyoroshye bw'umutima ni igikorwa kireba buri wese, kuva ku wa mbere kugeza kuwa nyuma, abato n'abakuru, abakire n'abakene. Kenshi na kenshi, bisaba ikintu gito kitagoye nk'« inseko, igikorwa cy'urukundo, indoro ya kivandimwe, kumva umuntu yitaweho, na serivisi itanzwe ku buntu». Muri ibyo bintu bito n'ibinini, tugenda dusanga amahoro kandi tuzagerayo twihuta nitugendana n'abavandimwe bacu, tuzasanga twese twaramaze guhinduka ugereranyije n'aho twatangiriye. Amahoro ntazanwa gusa n'irangira ry'intambara, ahubwo aturuka mu guhanga isi nshya, aho dusanga ko dutandukanye ariko tukunga ubumwe nk'abavandimwe kurusha uko tubitekereza.

**15**. *Duhe amahoro yawe, Nyagasani*! Iryo ni isengesho nzamuye ku Mana mu gihe nifuriza umwaka mushya muhire Abakuru b'Ibihugu byose na za Guverinoma, Abahagarariye Imiryango Mpuzamahanga, Abayobozi b'amadini atandukanye, ndetse na buri muntu wese ufite umutima mwiza.

*Utubabarire ibyaha byacu , Nyagasani,*
*nk'uko natwe tubibabarira abaducumuyeho,*
*kandi muri iyi njyana y'imbabazi, uduhe amahoro,*
*ya mahoro wowe wenyine uha abiyambuye intwaro zose, ukayaha abo bose bashaka kubabarira abavandimwe babo babigiranye ukwizera gukomeye,*
*uyahe abicuza badatinya ko ari abanyabyaha,*
*uyahe abadashobora gufunga amatwi mu gihe abakene barira.*

Bikorewe i Vatikani, ku ya 8 Ukuboza 2024.

**Papa Fransisiko**